

Ihame ry'icungamutungo mu Kubiba

“Hari umuntu ukwiragiza, Nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenze urugero, ariko bizamutera ubukene gusa.” Imigani 11:24-25



Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Mu miryango myinshi, haba abat-sinda n'abatsinzwe. Akenshi, itan-dukaniro riboneka mu ndangagaciro cg amahame duhitamo. Umugani uravuga uti, “Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka!”, bivuze ngo dusabwa gushyiraho akacu kugira duhitemo gukira cg gukena. Igipimo kiri mu kwiharira amafaranga yacu, ibite-kerezo, cg inzози zacu, cg se gu-koresha icyo imana yaduhaye mu guhesha abandi umugisha.

Iri hame ni rimwe risa nirihabanye ni gihe tugezemo, aho usanga dushi-shikajwe gusa n'uburenganzira w'ib-yacu. Twifuza kwakira ibintu byose aho kubera abandi umugisha. Iri hame ryo kubiba riramenyerewe mu bwami bw'ijuru kandi byaba byiza bukwiye muri twese, kuko akenshi ni ikinyuranyo cy'uwatsinze n'uwat-sinzwe. Inzira z'imana zizashoboka; dore ari nayo yaziremye ngo zid-ufashe mu buzima. Zishobora kuba zidatanga ibisubizo byihuse, ariko amaherezo biba amahire.

Iri hame ryo kubiba ni bimwe mu itegeko Imana yashyizeho irimo kurema iyi si. Riherekezwa n'umu-saruro, uyu niwo musaruro ubu-sanzwe ukurikira kubiba. Iri ni itegeko ryakozwe n'Imana kandi ntabwo dushobora kurivanaho hatabayeho kubabara. Nitubibana ubushishozi, tuzasarura ibihwanye. Uwitaka ara-vuga ngo, “uko dupima (umusaruro) mu bandi, niko uzapimwa kuri twe.” Hari ibintu bibiri imana idashobora guha umugisha, ubunebwe n'ubu-gugu. Ubunebwe buzatubuzza kubiba

no kuhira imbuto; ubugugu budutera kugundira amafaranga yacu nde-tse n'ibitekerezo byacu byakabaye byarabereye abandi umugisha. Amafaranga cg ibitekerezo ni mbuto yakabaye yaratewe mu bandi. Ibi bi-zazana ibihembo hamwe n'ejo heza hazaza.

Imana itekereza ireba kure. Yifuza y'uko twese twaba kimwe. Ishaka ko twumva neza ko kwikubira bi-renze bishobora intandaro yo kubura byose. Umuntu utanga atitangiriye itama azagira ubukire kuko afite umutima utanga, usangiza abandi ibye haba ku bintu, igihe ndetse n'impano. Intumbero niyo kuhira no kubagarira imbuto yamazwe kubiba. Kabone nubwo ibyo twaba tumaze guhinga cg kubiba, nituramuka tut-abyuhiye kenshi, ntabwo tuzasarura byinshi twifuza. Kuhira rero bivuze kugenga no kuguyaguya abantu, ibi-curuzwa, ibitekerezo cg amafaranga tuba tumaze kubiba. Guha umuntu amafaranga ni kimwe, ariko kuyak-urikirana uburyo akoreshwa ni ikindi.

Ntabwo tugomba gutanga ngo maze turekera aho. Tugomba gutanga nde-tse tugakurikirana ibyo twatanze. Tu-

gomba kubiba dufite icyo twiteze. Iyo twuhiye abandi, tuba natwe twi-yuhiye—mu gufasha /kubaka abandi, natwe tuba twiyubatse. Iyo duko-resheje ibyo dufite cg tukabiha abandi, natwe tuba twiyongereye ku byo dufite. Inkongoro yuzuye nta mpamvu yo kongera yo kuyuzuzza. Niyo mpamvu uyu mugani uvuga uti tanga kugira ngo wongererwe, ariko iyo tugundiriye ibyakabye bi-fasha abandi, dushobora kubura byose. Kwitoza gutanga (kubiba) byubaka imyumvire y'umuntu ugira ubuntu ndetse unatera abo dufasha, nabo kudufasha. Tangana umutima w'ubuntu rero—birakwiye! Gerageza kubiba agaseko kuri buntu wose... maze urebe icyo bizatanga.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Niba utishimiye umusaruro ubona, byaba byiza utangiyeye kubiba imbuto zitandukanye niza mbere.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed